REPUBULIKA Y'U RWANDA

AMBASADE Y'U RWANDA
GENEVE

UBUTUMWA NYAKUBAHWA AMBASADERI W'U RWANDA MU BUSUWISI, MADAMU VENETIA SEBUDANDI, YAGEJEJE KU BANYARWANDA BATUYE MU BUSUWISI N'INSHUTI Z'U RWANDA KU MUNSI MUKURU WO KWIBOHORA, KU WA 4 NYAKANGA 2007

Banyarwanda, Banyarwandakazi,
Bavandimwe namwe Nshuti z'u Rwanda,

Uyu munsi wa 4 Nyakanga 2007, Abanyarwanda barizihiza mu buryo bunyuranye **Umunsi wo Kwibohora**. Insanganyamatsiko (*thème)* yemeranijweho uyu mwaka, y'ibikwiyiye kuzirikanwa mu kwizihiza uyu munsi ni *:* ***«Kwibihora nyakuri ni uguharanira kugira ubushobozi bwo kwiteza imbere no kwikemurira ibibazo ».***

- Amateka y'u Rwanda agaragaza ko hari igihe kinini cyabaye imfabusa, haba mbere yo kubona ubwigenge haba na nyuma yabwo ; Abanyarwanda aho kugira politike yo kwamaganira hamwe ubukoloni nk'uko byabaye mu bindi bihugu, bo basubiranyemo batangira guteza imbere amacakubiri ashingiye ku moko n'uturere.

  Nk'uko amateka abisobanura neza, abakoloni babanje gutonesha Abatutsi, banabumvisha ko aribo bashobora gutegeka. Nyuma, aho bahararukiye Abatutsi batonesheje Abahutu, nabo babumvisha ko bakandamijwe n'Âbatutsi, ko umwanzi w'Umuhutu ari Umututsi, bityo Abahutu aho kurwanya ubukoloni barwanya Abatutsi, mu mwanya wo gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda bateza imbere amacakubiri. Abakoloni bo babigiraga nkana, bateza imbere politike ya *« Diviser pour régner/Divide and rule ».*

  Ku wa 1 Nyakanga 1961, niho Ababiligi batangaje ko bahaye u Rwanda ubwigenge bwarwo, ariko mu by'ukuri, ntabwo bwari ubwigenge nyakuri, kuko kuva n'icyo gihe, Ababiligi bakomeje kuyobora no kuvogera igihugu, dore ko banakomeje kugira imirimo ihambaye mu butegetsi bwa Leta no mu gisirikare.

  Muri iyo myaka yo muri za 1960, ibihugu byinshi by'Afurika byiyemeje inzira yo kwishyira hamwe mu rwego rwa « Pan-Africanisme », kugira ngo birandure burundu imizi y'ubukoloni, bigere ku bwigenge nyakuri. Ariko abayobozi b'u

Rwanda b'icyo gihe ntibabikozwa, bitewe ahanini n'uko abahoze ari abakoloni bari bagifite ya mizi mu butegetsi bw'u Rwanda.

Uretse uko kudaharanira kwibohoza nyakuri, iyo myaka yaranzwe no kutagira gahunda zihamye z'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza by'abaturage. Kubera izo mpamvu u Rwanda rwakomeje kuba mu bihugu bya nyuma mu iterambere ; abaturage bakomeza kumererwa nabi no kwibasirwa n'inzara n'indwara, ubwo ari na ko Igihugu gikomeza kwigwizaho imyenda y'amahanga, n'ibindi. Ikibabaje ni uko Leta ebyiri za nyuma y'ubwigenge uko zagiye zisimburana, ariko na ko amakosa y'imwe yakomezaga kuba ay'iyindi :

Izo Leta zombi zaranzwe no guteza imbere amacakubiri n'ivangura rishingiye ku moko n'uturere. Muri iyo myaka yose zaranzwe kandi na politiki mbi yo kugumisha Abanyrwanda mu bujiji n'icuraburindi kugirango bashobore gukomeza kubategekera muri politike ya « humiriza nkuyobore ». Ikindi n'uko Izo Leta zaranzwe n'ubwicanyi no gutotezwa byakomeje gukorerwa Abatutsi kugeza kuri jenoside yabakorewe mu 1994. Intambara yo kurwanya iyo jenoside niyo yabaye intambara yo Kwibohora nyakuri.

- Kwibohora nyakuri ko ku wa 4 Nyakanga 1994, ni ukwibohora kugamije gushakira umuti ibibazo by'urusobe, Abanyarwanda bari baratawemo n'ubukoloni ndetse n'ubutegetsi bwabukurikiye. N'ubwo hari byinshi bimaze kugerwaho, birumvikana ko inzira ikiri ndende.

  Muri iyi myaka 13 u Rwanda rumaze rwibohoye mu by'ukuri, hamaze guterwa intambwe igaragara mu nzego nyinshi, zirimo :

  - Kubaka ubunyarwanda n'umuryango nyarwanda bishingiye ku bumwe, ubwiyunge, kubahana no koroherana.
  - Kubaka umutekano usesuye imbere mu gihugu, ari nawo musemburo nyakuri w'iterambere ry'igihugu.
  - Guha buri Munyarwanda amahirwe angana n'ay'undi mu byiza byose by'igihugu, haba mu bukungu, ishoramari, amashuri, ubuzima, imiyoborere myiza na politiki muri rusange.
  - Gushingira politiki y'igihugu ku nyungu z'Abanyarwanda ubwabo. Ibyo ni nko mu rwego rwo kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo, kurwanya amacakubiri, guharanira ubusugire n'umutekano by'igihugu, gushingira ububanyi n'amahanga ku nyungu z'u Rwanda.
  - Kugira gahunda y'iterambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda ihamye no kuyishyira mu bikorwa, nk'uko bikubiye mu nyandiko y'Icyerekezo 2020 (*Vision 2020*).
  - Gufatanya n'ibindi bihugu bituranye n'u Rwanda, ndetse n'ibindi byo ku mugabane wa Afurika gushimangira inzira nyakuri y'iterambere. Aha twakwibutsa ko : Umuryango CEPGL uri mu nzira yo kubyutswa ; ko u Rwanda ruherutse kwinjira muri East African Community ; ko u Rwanda rwari rusanzwe ari kimwe mu bihugu bya COMESA, rukaba ari intangarugero mu kubahiriza gahunda za NEPAD.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,
Bavandimwe namwe Nshuti z'u Rwanda,

- N'ubwo muri iki gihe hamaze gukorwa byinshi, inzira yo kwibohora mu rwego rw'itembere no gushobora kwikemurira ibibazo (ari na ko kwibohora nyakuri ubu gusigaye) iracyakomeza. Ubukungu bukomeje kugenda bwiyongera, ariko intego n'uko bugera kuri buri Munyarwanda wese. Hari icyizere ko ibi bizagerwaho bitewe n'ingero nyinshi zifatika zimaze kuboneka, ari nayo mpamvu ubu u Rwanda ruvugwa neza mu rubuga rw'amahanga, rukaba arirwo rutangwaho ingero nziza muri byinshi.

  Iyo nzira isigaye rero, nk'uko twakomeje kubyibukiranya mu nama zacu no mu biganiro tugirana, irareba twese Abanyarwanda bari mu Busuwisi n'ahandi hose. Inshingano y'ibanze ikaba ari ukubanza kumva neza aho u Rwanda ruvuye n'aho rugana, noneho buri wese akagira umusanzu yatanga mu gutunganya gahunda za Leta, cyane cyane gahunda zigamije kuzahura ubukungu bw'u Rwanda.

Mbifurije mwese kugira Umunsi Mukuru Mwiza !